

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: BENEDATA Zacharie

School: G. S de SHYOGWE

Class: 3e Year

Subject: LES TEMOIGNAGES du GENOCIDE

KNOWLEDGE IS WEALTH

BENEDATA ZACHARIE

PEREFEGITURA : GITARAMA

COMMUNE : KAYENZI

SECTEUR : GIHIRA

SELLIRE : NYABITARE

IMIBEREHO Y`UBUZIMA BWANJYE

MU` ITSEMBABWOKO

RYO MURI 1994

# IMIBEREHO Y'UBUZIMA BWANJE MU ITSEMBABWOKO RYO MURI MATA 1994

LE 06/09/1999

Hari ku munsi wa kabili, tariki ya 19/04/1994 ubwo ibintu byakomeye ngo mu karere k'iwacu batangiye kwica abantu babaziza ubwoko bwabo bavukanye, umuntu wese witwa umututsi agomba gupfa byanga bikunda, ubwo twatangiye kumva tukumva ngo, batangiye kwica ubwo haza umuntu wari inshuti ya mukuru wanjye NSENGIMANA BERTIN (+) akamubwira ati « byakomeye tugende » undi yamushubije amubwira ati « ibiki se? » yaramushubije ati bariho kwica abatutsi urebe nabi nawe barakwica iyo gihe yari aryamye arabyuka arambara ubwo natwe mu-

rugo baba barabitubwiye, baratubwira ngo mujye kwihisha, ubwo twagiye tu- bakwirakwiye tubura aho tunyuze, Nibwo njyewe mahise njya kwa Sogokuru i MUGINA aho bari batuye ariko Mama n'abandi bana ntibashoboye kujyana kuko batari bazi aho nyuze bo bagize kujya wari utuye nasigaye bamarara yo.

Ubwo bwarakeye ariko wa gatatu mbwira kwa Sogokuru nti njye- we mbubwiye bene rugo kureba aho abo mu rugo bari, barambwiye ko tise twageze aho ngaho, Najyegaho ndambye nti si ndapfiye byanga bikunda njye kubareba.

Ndagiye ngo njyere kaku mo y'iwacu aho twari dutuye mbona bata- ngiye gusenga ari naho bamaxahera

ibintu, ubwo nari ndakasange Mukuru wanjye umundi ariwe MUZIGURA GERARD yicaranye n'abandi bagenzi be.

Ubwo

Nuguruhwora bamwe bafataga imkoko, abandi basenya, abandi bikorera intebe, matora, amasafuriya, imyugo, ibitanda ndetse n'ibindi byinshi ntashobora kurondora.

Ubwo bari bageze mu rugo bakora ibyo byose barangije baragenda, aribo mubari bariyaye umutwe YOZEFU bageze haruguru y'urugo asubira inyuma amena amatafari yose n'uko n'abandi baboneraho baraga basambura amabati barayjyana, ubwo we yarangije atwika inzu yari amaze kumena amatafari maze haraka.

Aho twari twicaye twarabirebaga bityo bikosheje bagiye abandi bitwaye mu rugo tuba turambu-

Ese ubwo nuye mahise njya aho bita kwa
MUREKEZI MUNYAKAZI ubwo narangaraga yo
barumuna banjye n'umukecuru wanjye
kugeza uwo munsi twa Tutonabonana
na PAPA.

Byageze mu masaha
ya saa mbili z'ijoro tujya mu ishyamba-
ba ry'uwitwa HABIMANA JOEL twihisha-
mo turi kumwe n'uwitwa Habyarimana
Andre yari data wacu.

Ubwo uwitwa Ru-
rangwa Théoneste na Kazimbaya Antoine
bahadusanganga bakaduha ubuhungiro
bukaranze bagasita bakomeza bakagya
kwihisha tugumana aho.

Twagiye kumva
twumva induru bari barimo kudukiza zivu-
ga bavuga kurica uwo bitaga Ndagano
Cyprien se wa KAZIMBAYA ubwo baraza
bageze kuri rya shyamba twari twihishe-
mo barwa ko byanga bikunda barimo

abantu barashaka baratubwira ubwo
nyene naravumbutse ndiruka bavuga ko
bagiye kuritwika bageze ho bamwe bara-
vuga bati << Muritwike ishyamba ry'inte-
rahamwe nawene wau ariwe HABIMANA
Joel ubu wamabuze burundu, ubwo nari
niruka niruka ngya kwa MUNYAKAZI
abandi mbasanga bayibishe; Naragiye
ninjira mu rugo batabizi nihisha munsi
y'ikirago bazamutse bamubwira ko ngo
mbe ngo azana abatutsi bose abitse mu byo
ko byose yakwanga nawe bakamwica
yemeza ko nta muntu n'umwe urimo
bati twamubona nawe ugapfa, batangiye
gusaka babona bimwe mu byo twabikije-
yo babitwara, ibindi babitwika ubwo
uwitwa NKURUNZIZA w'Imyobitore
yankuraga munsi y'ikirago banjyana
ku marembo bashaka kunyica, bambaji-
ge oho abandi bara ndabahakanira

nti ninzi aho bari. Nirobonye nvuga y'uko Nari kwa sogokuru, nvuga ko nanje ntazi aho bari nabandse, umutwa NIYOYITA niwe wari ugambiriye kumyica umutwa URIMUBENSHI niwe waruze ko igihe bahereye bico bakuriye kunekeraho bakondeka kuko nanjye ntazi aho abandi bari ~~bari~~, barandetse bambwira ko ndara ho ariko ningitondo ntibazobansanga.

Narayie aho ngaho

kampa ibiryo ndarya ndamywa kampa aho ~~ndary~~ ndyama ndaryama bukeye ndabira kwa sogokuru ho byari bitaraka ~~...~~ kamera ngo bawe mu mazu yabo ngo bahunge.

Hamaze umunsi mbona mama n'abana baraye barahamsanga turahabona bukeye bwaho naho bibo birakomeye nabo tujyana kwihisha mu Rutoki, hamwe n'umukazana wabo n'umdi mu-

gore witwa Mukarugira n'abana be.

Ubwo twakomeje kwihisha ahongaho i MIGINA twe se aho twari twihishe abanya GIHIRA bo bakaduka rikirama bashaka kutwica ariko abanya MIGINA bakabakumira kuko nta mutima mubi bari bwagize.

Nyuma baza gucengerwamo n'uko umututsi agomba gupfa babicengezwamo n'interahamwe zabaga zivuye ahandi hamwe n'abari-rikane bari babakoresheje Inama.

Twakomeje kwihisha bigeze aho tukagenda tujya i RUGOBAGOBA ahari bariyeri bayiramo batwice bakanga.

Njyemaje kujya ~~IGITA~~ IGITARAMA hamaze igihe mparuka kureba abo twari twihishanye ndababona n'uko barapanga gahunda yo kutwica umuntu arazo avambitawamponera n'uko twihisha

Nasubiyeyo bigeze nimugoroba babantanzeye kuraza bahera ubwo barwana abandi bahunga.

Mu gihe nabonaga abaandi bagenda tukagyana tugo kugera i Zaïre. Nageze i BUKAVU tujya aho bita i nyawera aho tubonye inkambi baduha ibikoresho byose byafasha umuntu mu buzima, nagondagonze shitingi ibanza nyuma haza umusore ambwira ko ntawe abana nabo, icyo gihe yansabye ko twabana narabyemereye kugira ndamenya kujya kwiyandikisha ngo bamufashe muko bamuha nk'ibyo bampaye.

Twabanye neza mu Rukundo nyuma yaho twaje kujya mu yindi nkambi yitwa Hongo II.

ubwo baje kubaga abana batari kumwe na ababyeyi ndiyandikisha

bwunga ko bagiye kubarangishiriza ababyeyi, nyuma yaho nko mu mezi atatu naje kugera mu bigerageza bito-roshye byari gutuma bimvitamo gupfa.

Dore rero impamvu nyayo, uwo musare twabanaga yaje gushaka umugore u aza mbona atangiye kumtoteza birenge ubwo yamteramyaga ku mugabo we ko muruguwa ariko we ntiyabyemerage kuko atigeze abimbonaho, Nyuma naje kubwirwa n'abaturanyi ko ashaka kundoga maze nkamwirinda ninaye umugabo udahari ngo abe yampa ibiryo bya njyenyine, Naje kumenyesha na Croix-rouge ko ab ngomba kujya mu Rwanda bantumyeho, maje kubibwira uwo murore amyemerera ko ntaha muri iyo gihe umugore ntakabimenye.

ubwo hari ku wa kabili tariki 4/07/95 Croix-rouge itantugyama bido bradushyira hamwe n'abandi ku wa kane tariki ya 06/07/95 ubwo batuza-

Mu Rwanda bagenda babakuziramo

ku Biro byo Croix-rouge n'iwabo ku

bw'Imana mbona mongeye kubonana

n'abo mu rugo, ibyo byose n'Imana mbi-

shimira, kuko ntihemeka umwuka

w'abazima.

YARI

BENEDATA ZACHARIE

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.